كينياروندي

# itegeko mu gushyira mubikorwa imigenzo y'Intuwma y'Imana

–Allah amuhe amahoro n'imigisha -

# no guhakanya wawundi uzayihakana


umwanditsi

nyiricyubahiro sheikh

**abdul aziz mwene abdallah mwene baaz**

Allah amugirire impuhwe



Islamhouse.com

المحتوى الإسلامي

# itegeko mu gushyira mubikorwa imigenzo y'Intuwma y'Imana- Allah amuhe amahoro n'imigisha- no guhakanya wawundi uzayihakana

umwanditsi

nyiricyubahiro sheikh

abdul aziz mwene abdallah mwene baaz

Allah amugirire impuhwe

ح جمعية الدعوة و الارشاد وتوعية الجاليات بالربوة ، ١٤٤٤ هـ
فهرسة مكتبة الملك فهد الوطنية أثناء النشر

بن باز ، عبدالعزيز
وجوب العمل بسنة الرسول - صلى الله عليه وسلم - وكفر من أنكرها
باللغة الكينياروااندي. / عبدالعزيز بن باز ؛ مؤسسة رواد التراجم لتقنية
المعلومات -ط١. .- الرياض ، ١٤٤٤
١٨ ص ؛ ١٤ × ٢١ سم
ردمك: ٤-٣٩-٨٣٨٢-٦٠٣-٩٧٨
١- السنة النبوية ٢- اصول الفقه أ .مؤسسة رواد التراجم لتقنية المعلومات
(مترجم) ب.العنوان
ديوي ٢٥١,١٢ ٤٢٦٦ / ١٤٤٤

Rwwad Translation Center Rabwah Association IslamHouse Website

This book is properly revised and designed by Islamic Guidance & Community Awareness Association in Rabwah, so permission is granted for it to be stored, transmitted, and published in any print, electronic, or other format - as long as Islamic Guidance Community Awareness Association in Rabwah is clearly mentioned on all editions, no changes are made without the express permission of it, and obligation of maintained in high level of quality.

Telephone: +966114454900
Fax: +966114970126
P.O.BOX: 29465
RIYADH: 11557
ceo@rabwah.sa
www.islamhouse.com

kwizina rya Allah ny'irimpuhwe ny'irimbabazi

# Itangiriro

gushimwa n'ukwa Allah murezi wibiremwa byosekandi n'iherezo ry'iza riri kuri babandi batinya Allahn'amahoro n'imigisha bisakare kumugaragu we n'intumwa yacu muhamad, yatumwe ngo aze abe impuhwe kubantu bose b'isi kandi abe impamvu ku bagaragu bose muri rusangeno kubantu be no kubasangirangendo be bo bikoreye umutwaro w'igitabo cy'umuremyi wabo ubutagatifu nubwe, bikorera umutwaro w'imigenzo y'intumwa yabo-Allah amuhe amahoro n'imigisha-no kubaje nyuma yabo,bafashe indagizo baba abemera bukuri,barinda kor'an n'ibisobanuro byayo-Allah abishimire kandi nabo baramwishimira-turasaba Allah azadushyire mubabakurikiye mumigenzo mu mahoro.

nyuma y'ibyo:

abamenyi bacyera n'abubu bemeje ko inkomoko y'ibandwaho mu kwemeza amategeko,no kugaragaza ibyaziririjwe n'ibyaziruwe mu gitabo cy'uwiteka igitabo kitagiramo ibinyoma mubyanditse cyangwa mu bisobanuro byacyo.hanyuma imigenzo y'Intumwa ya Allah-amahoro n'imigisha bisakare kuri we-utajya uvuga ibyo yishakiye usibyeko ari ubutumwa aba yahanuriwe.hanyuma gushyira hamwe kwabamenyi,abamenyi batandukanye ku soko yindi ariyo kugereranya, hanyuma ihuriro ryabamenyi bo bemeza ko ari impamvu ariko mu gihe yujuje ibisabwa.na gihamya kurizi nkomoko ni nyinshi ntizibarika kandi ziramamaye kuburyo bugaragara

# inkomoko zemejwe mu kwemeza amategeko

inkomoko ya mbere: ni igitabo cya Allah nyiricyubahiro

naho inkomoko ya mbere: ni igitabo cya Allah nyiricyubahiro

hari ibimenyetso mu magambo y'umuremyi wacu-nyiri ibisingizo-mu gitabo cye kigaragaza itegeko ryo gukurikira icyo gitabo no gushikamana nacyo no kwirinda nibyo kitubuza

Allah Nyiricyubahiro aragira ati:

Nimukurikire ibyo mwamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu. kandi ntimuzakurikire ibitari Imana mubigira abarinzi,nibike mwibuka

Allah yaravuze ati :

iki gitabo twakimanuye cyuje imigisha.muzagikurikire munaganduke kugira ngo mugirirwe impuhwe.

Allah yaravuze ati :

Mwagezweho n'intumwa yacu ibasobanurira byinshi mu byo mwahishaga mu bitabo ikanirengagiza byinshi. mukuri mwagezweho n'urumuri n'igitabo kigaragara biturutse kwa Allah

Allah akiyoboresha umuntu ukurikiye ishimwe rye inzira z'amahoro akanabakura mu mwijima abaganisha ku rumuri ku bushake bwe, akabayobora inzira igororotse.

Allah yaravuze ati :

babandi bahakanye urwibutso ubwo rwabageragaho mukuri urwo rwibutso ni igitabo cyubashywe.

ntabwo kirwaho nibinyoma byaba biturutse imbere yacyo cyangwa inyuma yacyo.cyamanuwe giturutse kuwushishoza wamashimwe menshi.

Allah yaravuze ati :

Nahishuriwe iyi kor'an kugira ngo mbaburire kubirimo n'undi wese bizageraho.

Allah yaravuze ati :

ubu n'ubutumwa ku bantu kandi bazaburirwe ibivuyemo

imirongo ya kor'an ivuga kuribi ni myinshi no mumvugo z'intumwa y'Imana zizewe zitegeka kugendera kuri kor'an no kuyishyira mu bikorwa,bisobanura ko uwuzagendera kuri kor'an azaba ari munzira yukuri kandi nuwuzanyuranya nayo azaba ari mubuyobe

ni kuribyo hari imvugo yavuye kuntumwa y'Imana -Allah amuhe amahoro n'imigisha- yatanze mu nyigisho ze igihe yari mu mutambagiro mutagatifu we wo gusezera:

njyewe mbasigiye icyo mutazigera muyoba nimushikamana nacyo igitabo cy'Imana(kor'an)

mu gitabo cya muslim sahih yavuzeko

kandi no mugitabo cya muslim biturutse kwa zaidi mwene arqam-allah amwishimire-intumwa Allah amuhe amahoro n'imigisha yaravuze ati:

mbasigiye ibyagaciro bibiri icyambere ni igitabo cya Allah kor'an gifite umuyoboro n'urumuri muzakiyoboke kandi muzashikame kuri cyo

yatoje guhora kugitabo cya Allah no gushikamana nacyo hanyuma aravuga ati:

yemwe bantu biwanjye mbibukije Allah yemwe bantu biwanjye mbibukije Allah

no mu mvugo y'indi muri kor'an yagize ati:

ni umugozi wa Allah umuntu uzashikamana nawo azaba ari munzira nziza, uwuzawirengagiza azaba ari mubuyobe

hari n'imvugo nyinshi zifite ibisobanura nk'ibyono gushyira hamwe kwabamenyi n'imyemerere y'abasangirangendo nababakurikiye mugushikama kugitabo cy'Imana no kugikoresha mumigenzo y'intumwa y'Imana -Allah amuhe amahoro n'imigisha- mubihagije kandi byuzuye mukugaragaza gihamya zaje muri izo nyigisho

umusingi wa kabiri: inkuru yaje ivuye ku ntumwa y'Imana-Allah amuhe amahoro n'imigisha- n'abasangirangendo be n'ababakurikiye mubamenyi mu kwemera

naho umusingi wa kabiri:- no mumvugo iri mugitabo usulu thalatha yemejwe n'abamenyi niyo twakomoye ku ntumwa y'Imana- n'abasangirangendo be baje nyuma ye mubamenyi bari kumurongo mwiza, bemera uwo musingi kandi bakawuhamiriza, kandi bakawukoresha nka gihamya mu mikorere yabokandi handitswe ibitabo byinshi kuri ayo masomobabisobanuye mu bitabo by'imvano y'ubumenyi bwa islam(fiqhi) hamwe n'amagambo akoreshwa mu mvugo z'intumwana gihamya kuribyo ni nyinshi ntizibarikamurizo hari iziri muri kor'an zitegeka gukurikira intumwa no kumwumviraIbyo rero birareba abantu bo mugihe cye ndetse n’abazaza nyuma ye kuko we ni intumwa kubantu bose.Kandi kuko bategetswe kumukurikira no kumwumvira kugeza kumunsi w’imperuka.Kandi kuko Intumwa y’Imana ariwe usobanura amagambo ya Allah ndetse akanadusobanurira ubwiza bwayo akoresheje amagambo ye, ibikorwa bye ndetse n’ibyo abona bikorwa akabyemeza.Ndetse iyo hatabaho amagambo y’intumwa y’Imana abaislam ntago bari kumenya umubare wamasengesho bagomba gusenga, ntibari no kumenya uko ayo masengesho akorwa n’ibitegetswe gukorwa muma sengesho.Ntanubwo bari kumenya ibisobanuro by’amategeko y’igisibo na maturo n'umutambagiro mutagatifu n’ibindi nko kubwirizanya ibyiza no kubuzanya ibi.Ntibari kandi kumenya ibisobanuro by’ibikorwa byabo bya buri munsi ndetse n’ibyo baziririjwe n’ibyo Allah yategetse n’imbago za Allah ndetse n’ibihano bye.

gihamya y'ibyo mu mirongo ya kor'an

Imwe mumirongo ihamya ibyo twavuze haruguru: Allah aragira ati muri suratu al Imran

Mwumvire Allah munumvire Intumwa wenda byazatuma mugirirwa impuhwe.

Nanone muri suratu al nisaai Allah aragira ati:

Yemwe abemeye mwumvire Allah mwumvire n'Intumwa mwumvire n'ababahagarariye,kandi nimugira ibyo mutumvikanyeho muzabigarure kwa Allah no kuntumwa niba mwemera Imana n'umunsi w'imperuka.

Nanone Allah muri suratu al nisaai aragira ati:

Uzumvira Intumwa ya Allah azaba yumviye Allah kandi uzigomeka ntabwo twakohereje ngo ubabere umurinzi.

Ni gute rero twagarura kumvira Imana ndetse n'ibyo tutumvikanyeho tukabisubiza kugitabo cya Allah mugihe imigenzo y'Intumwa idahabwa agaciro ngo tuyizirikane.Kubwiyo mvugo Allah yaba yaraziruriye abagaragu be ikintu kitabahoIbi rero byaba ari ibinyoma byambaye ubusa kandi byaba ari uguhakana Allah no kumukekera ibibi,

Muri suratu al Nahli naho Allah aragira ati:

Twaguhishuriye urwibutso kugirango usesengurire abantu ibyabamanuriwe wenda babasha gutekereza.

Nanone muri iyo sura yongera agira ati:

Ntago twakumanuriye igitabo uretseko twagiraga ngo ubasobanurire ibyo batumvikanyeho, kandi tugirango ibyo wahishuriwe bibere abemera umuyoboro n'impuhwe.

Nigute Allah yaha Intumwa inshingano zo gusobanurira abantu ibyabamanuriwe kandi imigenzo yayo (Intumwa) idahabwa agaciro

Nanone muri suratu nur Allah aragira ati:

Vuga uti: mwumvire Allah mwumvire n'Intumwa, kandi ni mwigomeka mumenyeko we afite ibye azabazwa namwe mufite ibyo muzabazwa ariko ni mumwumvira muzayoboka kandi Intumwa ntakindi ishinzwe uretse gusakaza ubutumwa gusa.

Muri iyo sura nanone Allah aragira ati:

Mukore isengesho (iswala) kandi mutange amaturo munumvire Intumwa wenda mwagirirwa impuhwe.

Muri suratu al aaraf naho Allah aragira ati:

Vuga uti yemwe bantu njye ndi Intumwa ya Allah kuri mwebwe mwese Allah we mwami w'ijuru n'isi ntayindi Mana ikwiye gusengwa mukuri uretse we niwe utanga ubuzima n'urupfu, ngaho rero nimwemere Imana n'Intumwa yayo umuhanuzi utarize kandi akaba yemere Imana n'ijambo ryayo mumukurikire rero wenda mwagirirwa impuhwe.

Muri iyi mirongo rero harimo ibimenyetso bigaragara byemezako kuyoboka n’impuhwe biri mukumvira Intumwa y’Imana , ibyose byashoboka bite mugihe suna ze zidahari cyangwa kuvugako ntagaciro zifite cyangwa ko umuntu atazigenderaho!

Muri suratu al nur Allah aragira ati:

Abakora ibitandukanye n’amategeko ye bitonde batazahura n’ibigeragezo cyangwa bakagerwaho n’ibihano bikomeye

No muri suratu al hashr Allah aragira ati:

ibyo intumwa yabazaniye muzabyakire n'ibyo yababujije muzabireke.

imirongo ni nyinshi muri kor'an ivuga kuri ibingibi kandi yose igenda yerekana ko kumvira Intumwa ari itegeko-Allah amuhe amahoro n'imigisha- ndetse no gukurikiza ibyo yazanye nkuko twabivuzeho haruguru muri gihamya zitegeka kubaha kor'an no gushikamana nayo no gukurikiza ibyo idutegeka no kureka ibyo itubuza.Izi rero ni inkingi ebyiri zigendana uzahakana imwe murizo ubwo azaba yigometse no kuyindi anayihakanye kandi ibyo ni ubuhakanyi n’ubuyobe no kuva muruziga rwa Islam nkuko abamenyi babyemeranijweho.

Zimwe mu mvugo z'intumwa-Allah amuhe amahoro n'imigisha- zishimangira ibingibi:

imvugo nyinshi zaragaragaye zerekana agaciro ko kumvira no gukurikira Intumwa ya Allah no gukurikiza ibyo yahishuriwe no kuzirirriza kumwigomekaho kandi ibyo bikaba inshingano z’ababayeho mugihe cye ndetse n’abazabaho nyuma ye kugeza kumunsi w’imperuka.Muri izo mvugo hari iya turutse kwa Buhari na Muslim yaturutse kwa Abi Huraira-Allah amwishimire- ko intumwa -Allah amuhe amahoro n'imigisha yaravuze iti:

Uzanyumvira azaba yumviye Allah n’uzanyigomekaho uwo azaba yigometse kuri Allah.

kandi no mugitabo cya bukhari -allah amwishimire-intumwa Allah amuhe amahoro n'imigisha yaravuze ati:

Abantu banjye bose bazinjira mw'ijuru uretse uzabyanga,abantu baravuga bati yewe ntumwa ya Allah ninde uzabyanga? Aravuga ati: uzanyumvira uwo azajya mw'ijuru naho uzanyigomekaho uwo azajya mumuriro.

Na Ahmad na Abu Daud basohoye imvugo yaturutse kwa Al miqdami mwene Maady karbi ko Intumwa ya Allah yavuze iti:

Mukuri jyewe nahawe igitabo n’ibisa nacyo, mushobora kubona umugabo ahaze yiyicariye kuntebe ye y’icyubahiro akababwira ati mushikame kuri iyi kor'an,ibyo muzumvamo ko biziruye muzabizirure n’ibyo muzumvamo bizirirรijwe muzabiziririze.

No mu mvugo ya Abi Daudi na Ibn Maajah yaturutse kwa Abi Raafii abikuye kwase biturutse kuntumwa Allah amuhe amahoro n'imigisha yaravuze ati:

Sinzumvikana n’umwe murimwe yiyicariye kuntebeye maze akumva itegeko mu mategeko yanjye yaba mubyo nategetse cyangwa nabujije maze akavuga ati ibyo ntabyo nzi, ibyo tuzabona mugitabo cya Allah nibyo tuzakurikira.

no mu mvugo yaturutse kwa Alhasan mwene Jabir yaravuze ati: numvise al miqdaam mwene maady karbi-Allah amwishimire-avuga ati:

Intumwa ya Allah yazirirje ibintu muntambara ya Khaibar maze aravuga ati:umuntu ashobora kumbeshyera yiyegamiye aganira amagambo yanjye maze akavuga hagati yacu namwe hari igitabo cya Allah,icyo twasanzemo kiziruwe tuzakizirura n’icyo tuzasangamo ko cyaziririjwe tuzakiziririza, mukuri icyo Intumwa ya Allah yaziririje ni nk’icyo Allah yaziririje.

Yakiriwe na Alhakim na Tirmidhiy na Ibnu Majah kuruhererekane rwiza.

N’izindi mvugo nyinshi z’Intumwa ya Allah zagiye zisakara aho yajyaga agira inama abasangirangendo mu nyigisho ze akabasaba ko uhari yabwira udahari hanyuma akababwira ko hari igihe uwashoje ubutumwa yaba asobanukiwe kurusha uwumvirije.

Murizo ni hadith iri kwa Bukhari na Muslim aho yigishije abemera mu mutambagiro wo gusezera kumunsi wa arafa n’umunsi wo kubaga maze arababwira ati:

Ngaho abari hano baze kubwira abadahari kuko wenda ababyiyumviye kuri jyewe baba basobanukiwe kurusha ababwirwa n’undi.

Iyo rero imigenzo ye itaza kuba ifite agaciro kubo yazibwiye n’abo bazazibwira n’iyo zitaza kuba zizagumaho kugeza kumunsi w’imperuka, ntago yari gutegeka abantu kuzigisha abandi. Yamenye rero ko imigenzo ye izagira agaciro kuwaziyumviye kumunwa we ndetse n’abazazibwirwa n’abantu b’inyangamugayo.

Abasangirangendo b’Intumwa y’Imana bafashe mu migenzo ye myinshi zaba iz’amagambo n’izibikorwa maze bazigisha abababakurikiye zigera no kubabakurikiye nyuma yabo.Ni nkuko abamenyi b’inyangamugayo bagiye bazihererekanya ibihe nyuma y’ibindi ibinyejana nyuma y’ibindi.Hanyuma babikusanyiriza mubitabo maze banerekana ibyujuje ubuziranenge ndetse n’ibifite inenge.Banashyizeho kandi amategeko n’amabwiriza atuma hamenyekana imigenzo nyayo n’iyitariyo.abamenyi rero bazengurutse ibitabo byose by'imigenzo y’Intumwa y’Imana, yaba iyiboneka kwa Bukharin na Muslim yaba n’iyiri ahandi mubindi bitabo, hanyuma bayirinda neza nk’uko Allah yarinze igitabo cye (kor'an) kugirango abangizi batagikiniramo, ashimangira amagambo ye matagatifu aho Allah yagize ati:

Mukuri nitwebwe twamanuye uru rwibutso kandi ni twebwe tuzarurinda.

Ntagushidikanya ko imigenzo y'intumwa y'Imana ari ubutumwa bwaturutse kwa Allah.Imana yayirinze nkuko yarinze igitabo cyayo, izishyira mumaboko y'abamenyi bayirinde kuba yahindurwa n'abashaka kuzangiza no kwangizwa n'injiniji zaba zitabisobanukiwe, baze banakuremo icyasha zaba zarasizwe n'injiji n'abashaka kubeshyera Intumwa ndetse n'abayigometseho.Kuko Allah yagize imigenzo y'Intumwa yayo kuba ariyo isobanura igitabo cye gitagatifu. No gusesengura ubwiza bw'amategeko akigaragaramo no kurinda andi mategeko ataravuzwe muri Quran ntagatifu.Nko gusesengura amategeko agenga konsa n'amwe mumategeko erebana n'izungura no kuziririza guharika umugore na nyirasenge cyangwa umugore na nyinawabo n'andi mategeko yagaragajwe niyo migenzo y'Intumwa ya Allah yujuje ubuziranenge nyamara ataragaragaye mugitabo cya Allah gitagatifu.

Mubyagaragaye kubasangirangendo n'ababakurikiye n'ababakurikiye mubamenyi:

Mubyagaragaye kubasangirangendo n'ababakurikiye n'ababakurikiye mubamenyi mubigaragaza agaciro k'imigenzo y'Intumwa nuko ari itegeko kuzubahiriza.

imvugo ya bukhari na muslim biturutse kuri abi Huraira Allah amwishimire yaravuze ati:

Ubwo Intumwa yitabaga Imana maze bamwe mubarabu bakava mu idini Abubakri-Allah amwishimire-yaravuze ati:

Ndahiye kumana ko nzarwanya umuntu wese uzatandukanya amasengesho n'amaturo.

omar -Allah amwishimire-aramubwira ati:

Ni gute wabarwanya kandi Intumwa y'Imana-Allah amuhe amahoro n'imigisha-yaravuze ko:

Nategetswe kurwanya abantu kugeza igihe bazemera Imana imwe, nibayemera imitungo yabo n'amaraso yaba bizaba birokotse uretse muburenganzira bwabyo.

Maze Abubakari aramubwira ati:

ese amaturo ntari muburenganzira bwabyo,ndahiye kw'izina ry'Imana nubwo banyima umugozi w'ingamiya bahaga intumwa y'Imana-Allah amuhe amahoro n'imigisha-. nzabarwanya kukuba bawunyimye.

omar-Allah amuhe amahoro n'imigisha- aravuga ati:Nahise menyako Allah yahishuriye Abu bakari ibyo kurwanya abantu mpita menya ko ari ukuri.Kandi abasangirangendo-Allah abishimire- baramwumviye maze bafatanya kurwanya abavuye mu idini bose kugeza ubwo bagarutse muri Islam banarwanya abatsimbaraye kubwigomeke bwabo.Muri iyi nkuru rero haragaragaramo gihamya y'agaciro k'imigenzo y'intumwa nuko ari itegeko kuyubahirizaumukecuru umwe yaje kwa Abubakari amubaza ibijyanye n'izungura rye maze aramubwira ati:Mugitabo

cya Allah ntakintu ufite kandi sinzi niba Intumwa y'Imana hari icyo yakuvuzeho reka ndaza kubaza abantu,maze Abubakari abaza abasangirangendo maze bamwe muribo bamubwira ko intumwa y'Imana yamugeneye kimwe cya gatandatu maze ahita abimukorera gutyo.Ndetse na omar -Allah amwishimire-yajyaga agira abakozi be inama yo gukoresha kor'an igihe bategeka abantu,maze mugihe baba badasanze amategeko y'ibyo barimo muri kor'an bajye bifashisha imigenzo y'Intumwa y'Imana.N'igihe yananiwe gucira urubanza umugore niba yakwemererwa gukuramo inda mugihe umwana yapfiriye munda, yabajije abasangirangendo maze Muhamad mwene Maslama na Mughira mwene Shuuba bamwemerera ko Intumwa ya Allah yabyemereye umucakara cyangwa umuja nawe ahita abigenza atyo.

Igihe kimwe ubwo Uthman yayoberwaga igisubizo aha umugore kubijyanye no kwicara eda nyuma yo gupfirwa n'umugabo,umugore witwa Fari'atu umukobwa wa Maliki mushiki wa Abi saidi yamubwiyeko ubwo umugabo we yitabaga Imana Intumwa y'Imana -Allah amuhe amahoro n'imigisha-yamutegetse kuguma munzu kugeza ubwo Imana izamubwira icyo gukora.

Ninako kandi yaciye urubanza akoresheje imigenzo y'intumwa mugufata ibihano kubanywi b'inzoga kuri Wali mwene Uqba.Na Ali ubwo yumvaga ko Uthman yabujije gukora akaruhuko gakorwa mugihe cy'umutambagiro mutagatifu wa Attamatu'u yahise akora niya yo gukora umra na hija icyarimwe.Maze aravuga ati: sinareka gukora suma y'Intumwa y'Imana kubw'amagambo y'umuntu.N'igihe abantu babazaga mwene Abas kuri icyo kintu mu mutambagiro kumagambo ya Abubakari na omari mugukora bushya umutambagiro witwa ifrad mwene Abas yaravuze ati:Ubu ibuye ryava mwijuru rikababagwira,njyewe ndababwira ko Intumwa y'Imana yavuze namwe mukambwira ngo Abubakari na omari.Niba kureka imigenzo kubera amagambo ya Abubakari na omari bishobora kuguteza igihano byagenda bite kuyireka kubera amagambo y'undi utari abo cyangwa kubera ubushakashatsi gusa bw'umuntu runaka.N'igihe abantu bamwe babuzaga Abdullahi mwene omari gukora imwe mu migenzo y'Intumwa, yaravuze ati: ese dutegetswe gukurikira omari cyangwa dutegetswe gukurikira imigenzo y'intumwa?

Hari n'igihe umuntu umwe yaje abwira Imrani mwene Huswayini arimo kubaganiriza ku migenzo y'intumwa ati: tuganirize kuri kor'an,Imran yararakaye maze aravuga ati: mubyukuri imigenzo y'intumwa niyo isobanura kor'an, iyo hatabaho imigenzo y'intumwa ntago twari kumenya ko Adhuhuri igira raka enye maghribi ikagira eshatu, na subuhi ikagira ebyiri, ntanubwo twari kumenya amategeko agenga zaka n'andi mategeko twasobanuriwe n'intumwa.

no mubimenyetso byabasangirangendo -Allah abishimire-muguha agaciro imvugo z'intumwa no gutegeka kuzikoresha no kwirinda kunyuranya nazo kandi bikaba ari byinshi cyaneMurizo ni aho Abdullahi mwene Umar yaganiraga kumagambo y'Intumwa ya AllahNtimuzabuze abafasha banyu kujya munzu z'Imana mumisigitiUmwe mubanabe yaravuze ati ndahiye ku Mana ko tuzababuza,

Abdullahi ararakara cyane aravuga ati ndakubwira ibyavuzwe n’Intumwa y’Imana nawe ukavugango uzababuza.N’umusangirangendo witwaga Abdullahi mwene Mughfal al mazaniy -Allah abishimire- yabonye umwe muri bene wabo ba hafi ari gukina afora akoresha utubuye duto maze aramubuzaaramubwira mukuri intumwa y'Imana Allah amuhe amahoro n'imigisha yagize ati:yabujije guforesha intoki ukoresheje utubuye duto aravuga ati ntabwo bigufasha guhiga inyamaswa cyangwa ngo urase umwanzi usibyeko byamena iryinyo cyangwa ijishoHanyuma aza kumubona ikindi gihe abikora maze aramubwira ati: wallahi sinzongera kukuvugisha, ndakubwirako Intumwa y’Imana yabibujije wowe ukongera

Bayhaqiy yaravuze abikomoye kuri Ayyub al sukhtiyaani ari mubamenyi bakurikiye abasangirangendo yavuzeko:

Igihe uzabwira umuntu ku migenzo y’intumwa akakubwira nkuraho ibyo mbwira kor'an uzamenyeko uwo yayobye.

Na Auzai yaravuze ati:suna ikoreshwa kuri kor’an cyangwa igasesengura ibyo kor’an yavuze cyangwa amategeko atavuzwe muri quran nkuko biri mugitabo cya Allah:

Twaguhishuriye urwibutso kugirango usesengurire abantu ibyabamanuriwe wenda babasha gutekereza.

Imvugo ye yatambutse -amahoro n’imigisha bya Allah bibe kuri we-

mukuri jye nahawe kor'an nigisanayo biri hamwe

N'imvugo ya Bayhaqiy yaturutse kwa Aamir mwene Shaabiy-Allah amwishimire-yabwiye bamwe mu bantu ati:Mukuri mwaroramye aho mwarekeye gukurikira ibimenyetsobisobanura ko ari imvugo z'intumwa y'Imana zitagira amakemwaNanone Bayhaqiy yasohoye imvugo yaturutse kwa Auza’I ko yabwiye abantu bamwe ati: igihe ugezweho n’amagambo y’Intumwa ya Allah uzirinde kuvuga ibitaribyo kuko Intumwa yavugaga ibivuye kwa Allah.

Nanone Bayhaqiy yasohoye imvugo yaturutse kwa Auza’I ko yabwiye abantu bamwe ati: igihe ugezweho n’amagambo y’Intumwa ya Allah uzirinde kuvuga ibitaribyo kuko Intumwa yavugaga ibivuye kwa Allah.

Nanone Bayhaqiy yasohoye indi mvugo iturutse kwa Imam Sufyan Athawuriy ko yavuze ati ubumenyi bwose ni ukumenya amagambo y’abasangirangendo.

Uwo ariwe wese muri twe ushobora kumwumvira cyangwa ukamuhakanya uretse nyiri iyi mva, yabivugaga yerekana imva y’Intumwa y’Imana

Na Abu Hanifa yaravuze ati:

ni haza amagambo y’Intumwa y’Imana, tuzabyemera ntakabuza

Na Imam Shafiy yaravuze ati:

Igihe nzaba numvise amagambo y'Intumwa y'Imana y'impamo sinyakurikize, mbabwije ukuri muzamenyeko ubwenge bwanjye bwagiye.

nanone aravuga ati:

Igihe nzavuga amagambo yanjye hanyuma mukumva imvugo y'Intumwa y'Imana itandukanye niyanjye,muzafate iyanjye muyijugunye

imam ahmad mwene han'bali-Allah amugirire impuhwe-yabwiye incuti ze

Ntimuzankurikire cyangwa ngo mukurikire Maliki cyangwa Shafiy ahubwo muzakurikire aho twakuye ubumenyi.

nanone -Allah amugirire impuhwe-yongera agira ati:

Ntangazwa n'abantu bamenye amagambo y'Intumwa y'Imana bakanamenya ko ari ukuri barangiza bakajya kwa Sufyani mugihe Allah avuga ati:

Abakora ibitandukanye n'amategeko ye(intumwa ya Allah) bitonde batazahura n'ibigeragezo cyangwa bagerweho n'ibihano bikomeye

Aravuga ati: ese uzi ibigeragezo (fitina) icyaricyo?

Fitna ni ububangikanyamana, mugihe yaba yitandukanyije n'amwe mumagambo y'Intumwa umutima we ushobora gutana maze akorama.

Bayihaqiy yasohoye imvugo iturutse kwa Mujahid ko yavuze ku ijambo rya Allah aho Allah yagize ati:

No mugihe mutumvikanye kukintu runaka mujye mugisubiza ku Mana no kuntumwa yayo

aravuga ati: kugisubiza kuri Allah ni ukugisubiza kuri kor'an, naho kugisubiza kuntumwa ni ukugisubiza ku mvugo ze.

Nanone Bayhqiy yasohoye indi mvugo iturutse kwa Zuhriy ko yavuze ati:

Bamwe mubamenyi batubanjirije bajyaga bavuga ko gushikama ku migenzo ko ari ukurokoka.

Na mwene Qudama mugitabo cye kitwa Raudhwaty naadhwira yaravuze ati : mwisesengura ry'imisingi y'amategeko yagize ati:

Inkingi yakabiri muri za gihamya ni imigenzo y'Intumwa y'Imana, hamwe n'ijambo ry'Intumwa ni gihamya y'ibitangaza by' ubunyakuri kwe, kandi Imana yategetse ko agomba kumvirwa no gukurikizwa ndetse no kwirinda gutandukana nawe.

ikigamijwe kirarangiye

Na mwene kathir muri tafsir y'amagambo ya Allah yaravuze ati:

Abakora ibitandukanye n'amategeko ye bitonde batazahura n'ibigeragezo cyangwa bakagerwaho n'ibihano bikomeye

bisobanura abitandukanya n'amategeko y'Intumwa y'Imana, ariyo nzira ye, n'umurongo we n'imigenzo ye n'amabwiriza ye. Ibikorwa byose rero ndetse n'amagambo bigereranywa hashingiwe kumagambo ye n'ibikora bye. Ibihuye ubwo biba biri kumurongo naho iyo bitandukanye bigarukira uwabivuze cyangwa uwabikoze uko yaba ameze kose, uwo yaba ariwe wese.

Nkuko byagaragaye kwa Bukhari na Muslim n'ahandi ko Intumwa y'Imana yaravuze ati:

Uzakora igikorwa kitari mu migenzo yacu kizaba ipfabusa

bityo ni bitonde babandi banyuranya n'amategeko y'Intumwa y'Imana kumugaragaro cyangwa bihishe.

batazagerwaho nibigeragezo

byaba mu mitima yabo cyangwa muguhakana cyangwa uburyarya n'ibihimbano

Cyangwa bakabona ibihano bibabaza

byaba hano kwisi nko kwicwa cyangwa ibindi bihano cyangwa gufungwa cyangwa ibindi nk'ibyo

Nk'uko Imam Ahmad yakiriye ko Abdurazaq yavuze ati Muammar abikomoye kuri hamaam mwene man'bihi yavuze ati:

Ibi nibyo Abu hurayira yatuganiriye aravuga ati:

intumwa y'imana Allah amuhe amahoro n'imigisha yaravuze

Njyewe namwe tumeze nk'umuntu ucanye umuriro wamara kwaka neza hakaza utunyugunyugu tukawuzenguruka maze akarwana natwo adukumira tukamunanira maze tukagwa muri wamuriro, aravuga ati urwo nirwo rugero rwanjye namwe. Njyewe ndabakumira ngo mutajya mumuriro ariko murananira mukawugwamo.

izo mvugo zombi zavuye kuri abdul razaq

na Suyutwi -Allah amugirire impuhwe-mugitabo cye yise urufunguzo rw'ijuru aho atanga gihamya mu mvugo z'Intumwa y'Imana yagize ati:

mu menye neza-Allah abagirire impuhwe- ko uzahakana ko imvugo z'Intumwa y'Imana zaba zibikorwa cyangwa zamagambo ko atari gihamya, azaba ahakanye

ndetse azaba avuye mubemera Mana, maze kumunsi w’imperuka azazurwa hamwe n’abayahudi n’abakristu n’abandi abaribo bose Imana izashaka mudutsiko tw’abahakanyi.

ikigamijwe kirarangiye

no mubimenyetso byabasangirangendo n'ababakurikiye no mubamenyi baje nyuma,muguha agaciro imvugo z'intumwa no gutegeka kuzikoresha no kwirinda nibibujijwe kandi bikaba ari byinshi cyane

kandi ndasaba mubyo twavuze mu mirongo ya kor'an no mumvugo z'intumwa ya Allah no mubimenyetso byiza kuba bihagije kandi byumvikana kuwifuza ukuri

kandi turasaba Allah twebwe n'abemera bose gutunganirwa mubyo y'ishimira no kuba kure n'impamvu zaterwa n'uburakari bwendetse azatuyobore twese inzira igororotse niwe nyirukumva kandi uhora bugufi

ndetse azatuyobore twese inzira igororotse niwe nyirukumva kandi uhora bugufi

amahoro ya Allah n'imigisha bisakare kumugaragu we n'intumwa ye intumwa yacu muhamadi we n'abiwe n'abasangirangendo be n'abazamukurira mu byiza.

abdul aziz mwene abdallah ibn baaz

Allah amugirire impuhwe

itegeko mu gushyira mubikorwa imigenzo y'Intuwma y'Imana- Allah amuhe amahoro n'imigisha- no guhakanya wawundi uzayihakana.................... **Error! Bookmark not defi**

Itangiriro....................................................................................................................................

inkomoko zemejwe mu kwemeza amategeko........................................................................

# وجوب العمل بسنة الرسول –صلى الله عليه وسلم - وكفر من أنكرها

لسماحة الشيخ

## عبد العزيز بن باز

ترجمة

رواد الترجمة


جمعية الدعوة والإرشاد وتوعية الجاليات بالربوة

مسجلة بوزارة الموارد البشرية والتنمية الاجتماعية برقم ٣١٢١

هاتف: ٩٦٦١١٤٤٥٤٩٠٠+ فاكس: ٩٦٦١١٤٩٧٠١٢٦+ ص ب: ٢٩٤٦٥ الرياض: ١١٤٥٧

P.O.BOX 29465 RIYADH 11457 TEL: +966 11 4454900 FAX: +966 11 4970126

OFFICERABWAH

# تنشر الإسلام بأكثر من 100 لغة

موسوعة القرآن الكريم
QuranEnc.com
موسوعة تضم تفاسير وتراجم موثوقة لمعاني القرآن الكريم

موسوعة الأحاديث النبوية
HadeethEnc.com
موسوعة تضم ترجمات للأحاديث النبويـــة وشروحها بعدة لغـــات

موسوعة المصطلحات الإسلامية
TerminologyEnc.com
موسوعة تضم ترجمات المصطلحات الإسلاميــة وشروحها بعدة لغـــات

منتقى
المحتوى الإسلامي
موسوعة تضم المنتقى من المحتوى الإسلامي باللغات

IslamHouse.com
مرجعيــة مجانيــة إلكترونية موثوقة للتعريف بالإســلام

جـمـعـيـة الــدعــوة وتوعية الجاليات بالربوة
Rabwah

جمعية خدمة المحتوى الإســلامــي بالـلـغـــات

وجوب العمل بسنة الرسول - ﷺ - وكفر من أنكرها

itegeko mu gushyira mubikorwa imigenzo y'Intuwma y'Imana
- Allah amuhe amahoro n'imigisha-
no guhakanya wawundi uzayihakana

nyiricyubahiro sheikh
abdul aziz mwene abdallah mwene baaz
Allah amugirire impuhwe